



Ubuhinzi bw’U Rwanda: Imbata y’Isomo ku Kubagara

IGIHE CYOSE: Isaha 1 n’iminota 30

ABAHUGURWA: Abahinzi

UHUGURA: Uhugura Abahinzi

AHO BIBERA: Umurima/Ishuli

INTEGO:

- **INTEGO YA 1:** Gusobanura “ibyatsi” no kwerekana ingaruka z’ibyatsi ku biti bya kawa.
- **INTEGO YA 2:** Kugaragaza ahantu hakeneye kubabagarwa kurusha ahandi
- **INTEGO YA 3:** Kugaragaza no gutandukanya ibyatsi.
- **INTEGO YA 4:** Gusobanura igihe cyo kurwanya ibyatsi bibi.
- **INTEGO YA 5:** Gusobanura uburyo bwo kurwanya ibyatsi bibi.

IBIKORESHO:

- Ingero 4 z’ibyatsi 5 by’ibanze, niba bihari.
- Ibyatsi bishashe bifite imizi miremire

IGIHE	INGINGO Z’INGENZI
-	IMYITEGURO IBANZIRIZA AMAHUGURWA: • Gukusanya ingero 4 z’ubwoko bw’ibyatsi • Umurimo wo kubagara ugomba kubera mu murima werekanirwamo icyigwa, niba wamaze kubagarwa shakisha ahandi hashoboka, hafi y’umurima werekanirwamo icyigwa. • Kugaragaza ahantu habagawe nabi hari ibiti byarumbye hafi y’ahatangirwa amahugurwa kugira ngo werekane urugero, niba hahari, niba byanze koresha amafoto.
Iminota 10	GUTANGIRA: • Kwibwirana ○ Uhugura ○ Abahugurwa ○ Abashyitsi

	KWIBUKIRANYA: Intego ▪ Uku kwezi tuziga kubagara UMWITOZO: Gutinyurana Hitamo agakino ko gutinyurana kabereye abahugurwa
Iminota 10	INTEGO YA 1: Gusobanura “ibyatsi” no kwerekana ingaruka z’ibyatsi ku biti bya kawa. <i>Icyitonderwa k’Uhugura: Ungurana ibitekerezo ku gisobanuro n’abahugurwa.</i> BAZA: Ibyatsi bibi ni iki? IGISUBIZO: • Icyatsi kibi ni ikimera gikurira aho kidashakwa. • Yewe n’ikimera cy’igihingwa gishobora kuba icyatsi kibi igihe gikuriye mu mwanza utariwo. Bityo, icyatsi kibi ni ikimera kidashakwa!  



	UMWITOZO: Kubagara neza no Kubagara nabi a) WIFASHISHIJE ifoto ifunitse cyangwa ahantu habagawe nabi hafi y'umurima werekanirwamo icyigwa, yobora ikigabiro ugendeye ku bibazo bikurikira: b) BAZA: ○ Ni izihe ngaruka ibyatsi bibi bigira ku biti bya kawa? ○ Ni iyihe kawa igaragara ko ifite ubuzima bwiza; iyabagawe neza cyangwa iyabagawe nabi? IBISUBIZO: ○ Ikawa yabagawe neza igaragara neza cyane. ○ Uburyo bubi bwo kurwanya ibyatsi bibi buganisha ku gucuranwa n'ibiti bya kawa ku ntungabihingwa n'amazi, ibi bigira ingaruka ku musaruro n'ubwiza bya kawa. ○ Gucuranwa intungabihingwa n'amazi bishobora kugabanya umusaruro wa kawa yawe kugeza kuri 50%! ZAMURA urwiri werekane imizi yarwo BAZA: Byagendekera bite inyongeramusaruro iramutse itewe mu murima ufite urwiri? IGISUBIZO: ▪ Ibyatsi bibi byazamura intungabihingwa zose ziri mu nyongeramusaruro.
Iminota 10	INTEGO YA 2: Kugaragaza ahantu hakeneye kubagarwa kurusha ahandi BAZA: Ni ahantu ki mu murima wa kawa hagomba kurindwa ibyatsi kurusha ahandi kandi kuki? IGISUBIZO: ▪ Minsi y'igiti aho imizi igaburira igiti cya kawa iri n'aho igihingwa gifatira intungabihingwa n'amazi.

	 <i>Icyitonderwa k'Uhugura: Shushanya mu mpande z'igiti wifashishije inkoni wereka abahinzi aho imizi igaburira igihingwa iba.</i>
Iminota 15	INTEGO YA 3: Kugaragaza no gutandukanya ibyatsi. <i>Icyitonderwa k'Uhugura: Ibyatsi byakoreshwa mu mwitozo niba bihari biri ku rutonde rukurikira, hitamo gusa 4 cyangwa 5 ku mwitozo, koresha ibyatsi bikiri bibisi:</i> ▪ Urwiri – Umucaca, bihoraho ▪ Ubushokoro – bw'amababi magari, buri mwaka ▪ Ibishurushuru – by'amababi magari, bihoraho ▪ Ubwunyu bwa nyamanza – y'amababi magari, bihoraho ▪ Ubushokoro – bw'amababi magari, buri mwaka ▪ Urucaca – Urwiri, bihoraho UMWITOZO: Kumenya ibyatsi bibi a) GABANYA abitabiriye mo amatsinda 4. b) HA buri tsinda ibyatsi ubahe iminota 5 yo gutekereza ku izina ryabyo mu kinyarwanda. c) SABA buri tsinda gufata 1 mu byatsi byaryo babihe izina babyita iwabo, kugeza igihe ibyatsi byose bimenyekana. d) IGIHE amatsinda arangije kumenya amazina y'ibyatsi, muganire wifashishije inyandiko ikurikira ugende ugira icyo ubivugaho. ZAMURA: Buri cyatsi cyakoreshejwe mu mwitozo w'ubushize



	BAZA: Ese ibi ni umucaca cyangwa ibyatsi by'amababi magari? Ese iki ni icyatsi kivuka buri mwaka cyangwa gihoraho? IBISUBIZO: Gira icyo uvuga ku bisubizo by'abahugurwa munaganire mwifashishije igisobanuro gikurikira. ▪ Icyatsi: <i>Ikimera cy'amababi mato cyane kandi kitagira inti zigishamikiyeho.</i> ▪ Ikimera cy'amababi magari: <i>Ikimera gifite uruti rushamika kandi rugira amababi magari.</i> ▪ Ikimera cy'umwaka: <i>Kibaho gusa mu gihe kimwe, kikera imbuto hanyuma kigapfa.</i> ▪ Ikimera gihoraho: <i>Kibaho hejuru y'umwaka 1 (bishobotse n'imyaka myinshi). Ubusanzwe bigira igice cyabikwa igihe kirekire nk'uko bigenda ku binyabijumba. Urugero: Ubwunyu bwa nyamanza.</i> BAZA: Ni byatsi ki bikomerera abahinzi kurwanya? IGISUBIZO: ▪ Ibyatsi bidacika biragoye kurwanya, urugero: urwiri kubera ko rugira imizi idacika cyangwa ibinyabijumba bigoye gukura mu butaka.
Iminota 10	INTEGO YA 4: Gusobanura igihe cyo kurwanya ibyatsi bibi. BAZA: Ese kubagara bigomba gukorwa ryari? <i>Icyitonderwa k'uhugura: Ungurana ibitekerezo n'abahugurwa hanyuma musubire mu bisubizo.</i> IBISUBIZO: ▪ Mbere y'uko ibyatsi bikura cyane imizi yarafashe, ku buryo bigorana kubirandura. ▪ Mbere y'uko ibyatsi bibyara izindi mbuto zongera ibibazo by'ibagara ▪ Igihe ubutaka buhehereye ku buryo imizi yarandurwa mu buryo bworoshye ▪ Mbere yo gutera inyongeramusaruro. Bitabaye ibyo ishobora kuzamurwa hejuru n'ibyatsi! ▪ Mbere yo gusasira
Iminota 20	INTEGO YA 5: Gusobanura uburyo bwo kurwanya ibyatsi bibi. <i>Icyitonderwa k'uhugura: Ungurana ibitekerezo n'abahugurwa hanyuma</i>



musubire mu bisubizo.

BAZA: Ni gute gusasira birwanya ibyatsi bibi?

IBISUBIZO:

- Gusasira:
 - Isaso rikumira urumuri kugera ku byatsi bibi, bigatuma imbuto ziri kumera zidakura.
 - Isaso ryiza rigari ribuza hafi ibyatsi byose gukura.
 - Rituma kandi ububobere budashira rikanongera intungabihingwa uko rigenda rishanguka.
 - Tuzareba Gusasa mu buryo burambuye nyuma y'isomo ku kubagara.

BAZA: Ni ubundi buryo buhe bwo kurwanya ibyatsi bibi?

IBISUBIZO:

- Kubagaza intoki – Ibyatsi bibi birandurwa n'intoki muni y'igiti.
 - Ubu buryo bugomba **iteka gukoreshwa muni y'igiti cya kawa** mu rwego rwo kurinda imizi kwangirika hifashishijwe uburyo busanzwe nk'isuka.
 - Biroroha igihe ibyatsi bibi bikiri bito n'ubutaka bugihehereye.
- Gukata
 - Bikoreshwa hagati y'imirongo ya kawa mbere y'uko ibyatsi Bizana imbuto.
 - Bishobora gusa gukoreshwa igihe hari umwanya mwiza hagati y'ibiti.
- Uburyo busanzwe.
 - Majagu ishobora gukoreshwa hagati y'imirongo y'ikawa, gusa igihe hari umwanya uhagije hagati y'ibiti kandi ibiti bidakoranaho.
 - **Irinde** gukoresha isuka muni y'igiti cya kawa, imizi igaburira igiti ishobora kwangirika kandi birashoboka ko habaho gukwirakwiza indwara mu bindi bito.
- Kubagaza ibinyabutabire:
 - Imiti irwanya ibyatsi bibi nka Glyphosate ishobora gukoreshwa mu kurwanya ibyatsi bizwi . Urugero: urwiri, n'ibindi.
 - Gramoxone n'ibindi binyabutabire birimo parakwati ntiyagombye gukoreshwa muri kawa. Ifite uburozi bukaze kandi yaciwe mu bihugu byinshi.



	○ Imiti irwanya ibyatsi bibi ishobora kuguteza ibibazo, umuryango wawe n'amatungo iramutse idakoreshejwe neza. ○ Kubagaza ibinyabutabire si byiza keretse igihe ufite imyanda ikurinda wese kandi warahuguwe ku mikoreshereze y'imiti yica udukoko. UMWITOZO: Kubagaza intoki a) EREKANA uko babagaza intoki ukoresheje intambwe zikurikira. b) SOBANURA ibyo ugenda ukora. ▪ Randura n'intoki ibyatsi byose biri muni y'igiti, cyangwa ukoreshe. ▪ Nyuma yo kubagara, shyira ibyatsi ku izuba kugira ngo byumwe cyangwa bikoreshewe ifumbire niba bitarazana imbuto c) UBUKURIKIYE GABANYA abari aho mu matsinda 4 cyangwa 5. d) HA buri tsinda umurongo w'ibiti babagare muni yabyo. e) SABA buri tsinda kubagara agace ryahawe. f) SURA buri tsinda ugende ubagira inama muri uwo mwitozo. g) SUBIZA matsinda hamwe muganire ku byo wabonye. Ni iki cyagenze neza ni izihe mbogamizi?
Iminota 15	GUSOZA: UMWITOZO: Isuzuma bumenyi <i>Icyitonderwa k'uhugura: Koresha ibibazo by'isuzuma ugenzure ugusobanukirwa utanga umurongo aho bikenewe.</i> Baza abitabiriye ibibazo bikurikira: ▪ Ni ubuhe buryo bwiza bwo kubagara muni y'igiti cya kawa? ▪ Ni ikihe gihe cyiza cyo kubagara? IBIBAZO N'IBISUBIZO INTAMBWE ZIKURIKIRA: ▪ Shimira abahinzi kuba bitabiriye amahugurwa.



	▪ HAMWE, mwemeze itariki n'igihe by'amahugurwa y'abahinzi mu murima P2P.
--	--